**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**
**P.O. BOX 160 KIGALI**

# IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBUTABERA /INTUMWA NKURU YA LETA MU MUGANDA WO KUWA 27/10/2018

Ba Nyakubahwa mwese muteraniye hano,

Baturage ba Gicumbi;

Ndabasuhuje mwese mu ndamukanyo igira iti: "mugire amahoro, mugire ubutabera muharanira kurwanya ibyaha bikorwa hifashishijwe ikoranabuhanga, icuruzwa ry'abantu, icuruzwa n'ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge"

Mbanje kubashimira ko mwitabiriye umuganda w'uyu munsi, umurava twese twawukoranye ni kimwe mu bigaragaza ko abanyarwanda bakataje mu kugira uruhare mu kwiyubakira igihugu.

Uyu munsi Urwego rw'Ubutabera rwifuje gukorana umuganda n'abafatanyabikorwa barwo ndetse n'abaturage b'Akarere ka Gicumbi kugira ngo banabonereho kumenyekanisha Urwego rw'Ubutabera rwegerejwe abaturage no

kubagezaho ubutumwa bufite insaganyamatsiko igira iti '**Haranira ubutabera ukumira ibyaha bikorwa hifashishijwe ikoranabuhanga, icuruzwa n'ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge n'icuruzwa ry'abantu**''

Raporo zitandukanye zitangwa n'inzego zishinzwe umutekano mu Rwanda zigaragaza ko icuruzwa n'ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge, icuruzwa ry'abantu n'ibyaha bikorwa hifashishijwe ikoranabuhanga bigenda byiyongera kandi bikaba bifite ingaruka mbi kuri ejo hazaza h'igihugu cyacu, akaba ariyo mpamvu twahisemo kuganira namwe kuri iyi nsanganyamatsiko kugira ngo abagize Urwego rw'Ubutabera by'umwihariko ndetse n'abaturage muri rusange dusobanukirwe uko ibyo byaha bikorwa hagamijwe kubikumira.

Ikoranabuhanga rimaze kugera hirya no no hino mu gihugu tukaba turyiyambaza mu byo dukora hafi ya byose, ntitwakwirengagiza ko hari abarikoresha ibinyuranye n'ibyo ryagenewe bakaryifashisha bakora ibyaha byiganjemo iby'ubujura ndetse n'ubucuruzi butemewe, akaba ariyo mpamvu twese dukwiye kuba maso mu rwego rwo guhangana n'ibyaha bikorwa hifashishijwe ikoranabuhanga ducunga neza imibare y'ibanga twifashisha mu kubikuza amafaranga haba kuri za banki cyangwa kuri telephone, turasabwa kwirinda gusubiza cyangwa kwemeza ubutumwa twohererezwa n'abanyabyaha tubwirwa ko twatsindiye akayabo k'amafaranga n'ibindi akenshi binyuzwa kuri za telefone cyangwa mudasobwa.
Ibyaha by'Icuruzwa ry'abantu nabyo ni bimwe mubyo Urwego rw'Ubutabera ndetse n'abanyarwanda twese dukwiye guhanira ko bicika. Urwo rugamba twifuza ko yarugira urwe. Urubyiruko rwacu rukwiye kwima amatwi abarushuka barubwira ko bagiye kurushakira akazi n'imibereho myiza mu mahanga, bimaze

kumeyekana ko iyo bagejejwe muri ayo mahanga ibyari akazi n'imibereho myiza bihinduka gukoreshwa ubucakara n'indi mirimo irimo iyo gukoreshwa muri firime z'urukozasoni, abenshi bibabaviramo urupfu cyangwa indwara zidakira.

Ikoreshwa n'icuruzwa ry'ibiyobyabwenge naryo riri mubyo twiyemeje guhashya twivuye inyuma ababikoresha n'ababicuruza bakwiye kubireka cyangwa bakitegura ibihano bikomeye, ubu itegeko rishya rihana ibyaha mu Rwanda ryateganije ko abahinga, abatwara, n'abacuruza ibiyobyabwenge bazajya bahanishwa ibihano biremereye bishobora no kugeza ku gifungo cya burundu.

Twese tuzi ingaruka mbi ziterwa n'ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge zirimo kwangiza ubuzima, guteza umutekano muke, guteza ubukene n'ibindi; izi ngaruka zikunze kugaragara ku rubyiruko kandi muzi neza ko arirwo tuzaraga iki gihugu, ntabwo twakwihanganira kuzaraga iki gihugu abantu bazahajwe n'ibiyobyabwenge akaba ariyo mpamvu igihugu cyacu cyahagurukiye kubirwanya, abakibwira ko bazakomeza kunyura mu rihumye abashinzwe umutekano, ndagira ngo mbabwire ko iki kibazo cyahagurukiwe kandi uburyo bwo kubatahura buhari amahitamo asigaye n'ukubireka burundu cyangwa gufungwa burundu.

Bayobozi b'inzego z'ibanze muteraniye hano, iki kibazo mukwiye guhora mukiganiriza abo muyobora mubashishikariza gutanga amakuru aho bakeka ibi byaha kugira ngo tubashe kubihashya.

Mboneyeho rero umwanya wo kwibutsa Abanyarwanda bose, guhagurukira kurwanya ibyaha bikorwa hifashishijwe ikoranabuhanga ikoreshwa n'icuruzwa ry'ibiyobyabwenge ndetse n'icuruzwa ry'abantu kugira ngo twiyubakire igihugu kirimo ituze n'umutekano kandi dufite ubuzima buzira umuze.

Banyacyubahiro mwese muri hano,

Baturage b'Akarere ka Gicumbi

Ndagira ngo ndangize iri jambo nshimira abo twafatanyije umuganda w'uyu munsi kandi nshimira n'abanyarwanda bose bitabiriye umuganda hirya no hino mu Mirenge yabo, dukomeze gukorera hamwe, dukoreshe amaboko yacu, ubwenge n'umutima, maze twubake u Rwanda twifuza.

Murakoze, mugire Amahoro y'Imana

---